URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE RURI I NYARUGENGE RUHABURANISHIRIZA KU RWEGO RWA MBERE IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, RUHAKIRIJE URUBANZA RC 00477/2017/TGI/NYGE KU BURYO BUKURIKIRA NONE KUWA 23/5/2018.

ABABURANYI:

Urega:

MUZIRANENGE Therese, mwene GATABAZI Jean na MUSANABANDI Anastasie, utuye mu mudugudu wa Bucyemba, akagari ka Bwiza, umurenge wa Ndera, akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Abaregwa:

1. **MUKANDORI Immaculée**, mwene MUSONI na KAMAYUGI, utuye mu mudugudu wa Kokobe, akagari ka Nyakabanda I, umurenge wa Nyakabanda, akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali.

2. **MUTAGOMA**, mwene GATABAZI Jean na NYIRABAZUNGU, utuye mu mudugudu wa Juru, akagari ka Nyanza, umurenge wa Gatenga, akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali.

3. **NDENGEYINKA Jean Pierre**, mwene GATABAZI Jean na MUKANDORI Immaculée mu mudugudu wa Kokobe, akagari ka Nyakabanda I, umurenge wa Nyakabanda, akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali.

IKIREGERWA : Keregera ubutaka bwanjye bwigabijwe na MUKANDORI Immaculée akabuha umwana we hamwe n'abandi

---

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] MUZIRANENGE Therese yatanze ikirego muri uru rukiko abaregwa ari abavuzwe haruguru avuga ko abarega ubutaka bwe bwigabijwe na MUKANDORI Immaculee akabuha umwana we NDENGEYINKA Jean Pierre yubakamo (UPI: 2109), ikindi kibanza cya kabiri akigurisha BUNGURUBWENGE Joseph (UPI: 1300), ikindi kibanza cya gatatu agiha MUTAGOMA (UPI: 2113) byose bifite agaciro ka 11,198,400Rwf bikaba bihereye mu Mudugudu wa Juru, Akagali ka Nyanza, Umurenge wa Gatenga, Akarere ka Kicukiro, Intara y'umujyi wa Kigali.

[2] Kuva ariko yatanga ikirego ntigeze aza kugikurikirana, nyuma urukiko rutanga itangazo ko abafite imanza zidakurikirana zizasibwa basabwa kuza kuzikurikirana ariko urega ntiyaza nyuma urubanza rushyirwa kuwa 23/5/2018, nabwo ntiyitaba urukiko, urubanza rwe rurasibwa kuko rwasaziye mu rukiko ntawe urukurikirana.

[3] Ikibazo kigomba gusuzumwa muri uru rubanza akaba ari icyo amategeko ateganya igihe urubanza rumaze igihe kirenga amezi atandatu ntawe urukurikirana.

ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGIZE URUBANZA

[4] **Kumenya igiteganywa n'itegeko ku birego bimaze igihe kirenga amezi atandatu mu rukiko bidakurikiranwa**

[5] MUZIRANENGE Therese yatanze ikirego muri uru rukiko abaregwa ari abavuzwe haruguru avuga ko abarega ubutaka bwe bwigabijwe na MUKANDORI Immaculee akabuha umwana we NDENGEYINKA Jean Pierre yubakamo (UPI: 2109), ikindi kibanza cya kabiri akigurisha BUNGURUBWENGE Joseph (UPI: 1300), ikindi kibanza cya gatatu agiha MUTAGOMA (UPI: 2113) byose bifite agaciro ka 11,198,400Rwf bikaba bihererereye mu Mudugudu wa Juru, Akagali ka Nyanza, Umurenge wa Gatenga, Akarere ka Kicukiro, Intara y'umujyi wa Kigali.

[6] Kuva ariko yatanga ikirego ntigeze aza kugikurikirana, kuko kuva kuwa 22/9/2017 ubwo yitabiraga inama ntegurarubanza, urega MUZIRANENGE Thérèse atangeye gukurikirana urubanza rwe, hakaba hashize amezi 6, kuwa 20/04/2018 hakaba haratanzwe itangazo risaba abafite bene izo manza kuza kuzikurikirana bitarenze kuwa 21/05/2018 nabwo ntiyaza, urukiko rukaba rusanga urubanza rwe rugomba gusibwa mu manza ziri mu rukiko kubera ubusaze.

[7] Urukiko rukaba rusanga harebwe igihe gishize adakurikirana urubanza rwe, rwarasaziye mu rukiko, rukaba rugomba gusimbwa nk'uko biteganywa mu ngingo y'126 y'Itegeko n^{o} 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko "*Urubanza rwose rwaregewe rugahagarara amezi atandatu (6) rutaburanywe biturutse ku bushake buke bw'urega ntiruba rukiburanishijwe rutongeye gutangirwa ingwate y'amagarama bundi bushya.* " Naho ingingo y'128 y'iryo tegekom igateganya ko " *Urubanza rusaza iyo ababuranyi bahawe itariki, bagahamagarwa mu buryo bukurikije amategeko ntihagire uwitaba, hakaba harafashwe icyemezo cyo kurwimura, cyangwa se iyo bitabye, uwareze agatumwa ikimenyetso runaka, akagenda agahera, ntihagire ugaruka gusaba ko ruhamagazwa kugeza ubwo amezi atandatu (6) ashize*

uhereye umunsi rwasubikiweho. Iyo icyo gihe kirangiye, umwanditsi abikorera raporo, perezida w'urukiko agafata icyemezo kirusiba bitabaye ngombwa ko ababuranyi bongera guhamagazwa. Iyo urukiko rwemeje ko urubanza rwashajishijwe no kutaburanwa rubyibwirije cyangwa rubisabwe, ibyo ntibyarubuza kongera kuregerwa bundi bushya. Bituma gusa ibyakozwe muri urwo rubanza mbere bivaho kandi rugasibwa mu gitabo cy'ibirego, ntihagire ubyitwaza ngo abyireguze."

III. **<u>ICYEMEZO CY'URUKIKO</u>**

[8] Rwemeje kandi rutegetse ko urubanza RC00477/2017/TGI/NYGE rusibwa mu mu manza ziri muri Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge.

[9] Ruvuze ko amagarama yatanzwe urukiko ruregerwa adasubizwa.

NI UKO RUKIJIJWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 23/5/2018.

<u>UMUCAMANZA</u>	**<u>UMWANDITSI</u>**
NYIRANSAGUYE Athanasie	DUSABEMARIYA Marie Thérèse
(sé)	(sé)

Byandukuwe nk'uko biri ku cyemezo cy'umwimerere
none kuwa…….
n'umwanditsi…….